



Rwanda Launches Campaign to Boost E-Waste Collection and Recycling

The Ministry of ICT and Innovation, the Ministry of Environment, and the Rwanda Utilities Regulatory Authority (RURA), together with partners and affiliated agencies have today launched a campaign to raise awareness about proper e-waste management and encourage Rwandans to recycle their e-waste.

The campaign, which is supported by the United Nations Environment Programme and the International Telecommunication Union, will encourage the return of old and end-of-life electrical and electronic equipment, also known as e-waste, to dedicated collection points across the country.

Improper disposal of e-waste poses numerous threats to the environment, the economy, and people's health. Over the past five years, the Government of Rwanda and partners have made significant progress towards proper e-waste management to promote green growth and a circular economy.

The new campaign will increase awareness about how and where to drop off old electrical and electronic equipment and the status of e-waste collection and management in Rwanda. The campaign aims to increase the collection rate of e-waste at dedicated collection points operated by Enviroserve Rwanda, an e-waste dismantling and recycling company that works in partnership with the Government of Rwanda. This will result in the protection of human health and our environment.

“With the growing use of technology, electronic devices specifically, e-waste has become both a challenge and opportunity if well managed to reduce carbon emissions and hazardous effects on the environment. Statistics reveal that only 20% of global e-waste is formally recycled, which means the rest is disposed of inappropriately. This campaign seeks to sensitise citizens about the various e-waste management strategies that can be deployed to minimise negative impact on the environment while creating economic opportunities.

Rwanda seeks to create a sustainable industry that generates less waste and creates new decent jobs. We need to be mindful of the impact of e-waste on future generations while taking advantage of the opportunities brought about by the circular economy and digital transformation and transform this problem into an economic opportunity,” said Paula Ingabire, Minister of ICT and Innovation.

“Rwanda has a bold vision to become a carbon-neutral and climate resilient nation by 2050. To achieve this, environmental protection must be a priority. By properly disposing of e-waste, we’ll reduce the amount of e-waste that goes to landfill. This will support the conservation of natural

resources, the creation of green jobs, and the reduction of risks from hazardous materials affecting the health of Rwandans and our environment,” said Dr. Jeanne D’Arc Mujawamariya, Minister of Environment.

“Rwanda has demonstrated a strong will to advance proper e-waste handling and create a regulatory framework that governs e-waste management and prevents hazardous chemical substances from polluting our environment and impacting people’s health. We are delighted to launch this campaign together with our partners including UNEP and ITU and we are confident that it will be a success and bring about practical change in behaviour and understanding,” said Eng. Deo Muvunyi, Acting Director General, Rwanda Utilities Regulatory Authority.

Through the campaign, the general public will be encouraged to drop off their e-waste and encourage their friends and family to do the same. The campaign will run until the end of June 2022 and will target residents of the City of Kigali and Musanze District (which hosts Rwanda’s first ever e-waste collection point). The campaign comes as a reminder that everyone needs to take action to protect our planet and contribute to the country’s sustainable development and green growth.

Partners

The Rwanda e-waste campaign has been organised in collaboration with the United Nations Environment Programme, the International Telecommunication Union, the Ministry of ICT and Innovation, the Ministry of Environment, the Ministry of Infrastructure, the Rwanda Utilities Regulatory Authority, the Rwanda Environment Management Authority, the Rwanda Information Society Authority, the Rwanda Green Fund, the Global Green Growth Institute, and Enviroserve Rwanda.

More Information

- Learn more about the Regulation n°002 of 26/4/2018 Governing E-Waste Management in Rwanda issued by RURA [here](#).
- To learn more about Rwanda’s e-waste recycling and to book an e-waste collection appointment visit enviroserve.rw.
- Read Rwanda’s National E-waste Management Policy [here](#).

Media Contacts

- Basile Uwimana, Communication & Outreach Specialist, Ministry of Environment at buwimana@environment.gov.rw or +250 788 722 870.
- Didace Ndamira, Stakeholders Engagement & Communication Officer, Rwanda Utilities Regulatory Authority (RURA) at didace.ndamira@rura.rw or +250 783 702 127.



U Rwanda Rwatangije Ubukangurambaga bwo Gukusanya no Kunagura Ibisigazwa by'Ibikoresho by'Ikoranabuhanga

Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo, Minisiteri y'Ibidukikije, hamwe n'Urwego Ngenzuramikorere (RURA) bafatanyije n'abafatanyabikorwa n'ibigo bishamikiye kuri izo minisiteri, uyu munsu batangije ubukangurambaga bugamije gukangurira abaturarwanda gucunga neza no kuvugurura ibisigazwa by'ibikoresho by'ikoranabuhanga byabo.

Ubu bukangurambaga bwatewe inkunga n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bidukikije n'Umuryango Mpuzamahanga w'Itumanaho, burashishikariza abaturarwanda muri rusange kugarura ibikoresho by'ikoranabuhanga bishaje cyangwa bitagikora n'ibikoresha umuriro w'amashanyarazi cyangwa ingufu zikora nka wo, bizwi nk'ibisigazwa by'ibikoresho by'ikoranabuhanga, aho bizajya bijyanwa ku makusanyirizo yabigenewe abarizwa mu gihugu cyose.

Kubika nabi ibisigazwa by'ibikoresho by'ikoranabuhanga bigira ingaruka nyinshi kandi mbi ku bidukikije, ubukungu ndetse n'ubuzima bw'abantu. Mu myaka itanu ishize, Guverinoma y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa bateye intambwe igaragara mu kubungabunga neza ibisigazwa by'ibikoresho by'ikoranabuhanga hatezwa imbere ubukungu burengera ibidukikije kandi bwisubiranywa.

Ubu bukangurambaga bushya buzongera ubumenyi ku buryo bwo gukusanya n'aho bashyira ibikoresho bishaje cyangwa bitagikora, bikoresha umuriro w'amashanyarazi cyangwa ingufu zikora nka wo ndetse no kongera ubumenyi ku bijyanye naho u Rwanda ruhagaze mu gukusanya no gucunga neza ibisigazwa by'ibikoresho by'ikoranabuhanga. Ubu bukangurambaga bugamije kongera umubare w'abagana amakusanyirizo y'ibisigazwa by'ibikoresho by'ikoranabuhanga ayoborwa na Enviroserve Rwanda, sosiyete isambura, ikanavugurura ibisigazwa by'ibikoresho by'ikoranabuhanga ku bufatanye na Guverinoma y'u Rwanda. Ibi bikazatuma harengera ubuzima bw'abantu n'ibidukikije.

Minisitiri w' Ikoranabuhanga na Inovasiyo, Paula Ingabire aragira ati: *“Uko ikoranabuhanga riyongera by'umwihariko ikoresheya ry'ibikoresho by'ikoranabuhanga, niko imyanda/ibisigazwa by'ibyo bikoresho byagiye biteza ibibazo ariko nanone aho bicunzwe neza byagiye bigabanywa imyuka yangiza ikirere n'izindi ngaruka ku bidukikije. Ibarurishamibare rigaragaza ko 20% ry'imyanda ikomoka ku ikoranabuhanga ku isi ariyo yagiye icungwa neza mu buryo bwa kinyamwuga, bivuze ko isigaye yose icunzwe mu buryo bwateza ibibazo. Ubu bukangurambaga bugamije gukangurira abaturage ku ngamba zitandukanye zo gucunga imyanda ikomoka ku ikoranabuhanga hagamijwe kugabanywa ingaruka mbi iyi myanda yagira ku bidukikije ariko nanone tuyibyzamo ibindi byaduteza imbere. U Rwanda rurimo gushyiraho uburyo burambye*

bwo kugabanya imyanda ikomoka ku ikoranabuhanga kandi bufasha no mu guhanga imirimo. Tugomba kuzirikana ingaruka mbi ziyi myanda ku hazaza ari nako tubyaza amahirwe y'ubukungu n'iterambere ry'ikoranabuhanga bikadufasha kwishakira ibisubizo duhereye ku bibazo bihari.”

Minisitiri w'Ibidukikije, Dr. Jeanne D'Arc Mujawamariya aragira ati: *“Mu ntego z'Icyerekezo 2050, biteganyijwe ko u Rwanda ruzaba ruri mu bihugu bifite iterambere ritabangamiye ibidukikije kandi ryihanganira imihindagurikire y'ibihe. Kugirango ibyo bigerweho, kurengera ibidukikije bigomba gushyirwa imbere. Nidushyira ibisigazwa by'ibikoresho by'ikoranabuhanga ahabugenewe, tuzagabanya umubare w'ibijyanwa mu bimoteri byakira indi myanda. Ibi bizafasha mu kubungabunga umutungo kamere, guhanga imirimo irengera ibidukikije, no kugabanya ingaruka ziterwa n'ibikoresho byangiza ubuzima bw'abanyarwanda ndetse n'ibidukikije.”*

Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo w'Urwego Ngenzuramikorere (RURA), Eng. Deo Muvunyi nawe aragira ati: *“U Rwanda rwerekanye ubushake bukomeye bwo gufata neza ibisigazwa by'ibikoresho by'ikoranabuhanga no gushyiraho amategeko agenga imicungire y'ibisigazwa by'ibikoresho by'ikoranabuhanga, ikumira ibinyabutabire byangiza ibidukikije kandi bikanagira ingaruka ku buzima bw'abantu. Twishimiye gutangiza ubu bukangurambaga hamwe n'abafatanyabikorwa bacu barimo Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bidukikije (UNEP) n'Umuryango Mpuzamahanga w'Itumanaho (ITU) kandi twizeye ko buzagenda neza ndetse bikazana impinduka zifatika mu myitwarire no mu myumvire.”*

Binyuze muri ubu bukangurambaga, abaturage muri rusange bazashishikarizwa kuzana ibisigazwa by'ibikoresho by'ikoranabuhanga byabo ku makusanyirizo atandukanye kandi banabishikarize inshuti n'imiryango yabo kubigiramo uruhare. Ubukangurambaga buzakomeza kugeza mu mpera za Kamena 2022 kandi hazashishikarizwa cyane abatuye Umujyi wa Kigali n'Akarere ka Musanze (ari naho hashyizwe ikusanyirizo ry'ibisigazwa by'ibikoresho by'ikoranabuhanga bwa mbere mu Rwanda). Ubu bukangurambaga buje mu rwego rwo kwibutsa ko buri wese akeneye gufata ingamba zo kurinda isi dutuyeho no kugira uruhare mu iterambere rirambye kandi rirengera ibidukikije ry'igihugu.

Abafatanyabikorwa

Ubu bukangurambaga bwo kongera ubumenyi ku bisigazwa by'ibikoresho by'ikoranabuhanga mu Rwanda bwateguwe ku bufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bidukikije, Umuryango Mpuzamahanga w'Itumanaho, Minisitiri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo, Minisitiri y'Ibidukikije, Minisitiri y'Ibikorwaremezo, Urwego Ngenzuramikorere mu Rwanda, Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije, Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe Ikoranabuhanga mu Itumanaho n'Isakazabumenyi, Ikigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije, Global Green Growth Institute, na Enviroserve Rwanda.

Ibindi Bisobanuro

- Menya byinshi ku byerekeye Amabwiriza n° 002 yo kuwa 26/4/2018 Agenga Imicungire y'Ibisigazwa by'ibikoresho by'ikoranabuhanga mu Rwanda yatanze na RURA [hano](#).

- Kugira ngo umenye byinshi ku byerekeye kuvugurura ibisigazwa by'ibikoresho by'ikoranabuhanga mu Rwanda no gutanga gahunda yo gukusanya ibisigazwa by'ibikoresho by'ikoranabuhanga sura enviroserve.rw.
- Soma Politiki y'Igihugu yo Gucunga Ibisigazwa by'ibikoresho by'ikoranabuhanga [hano](#).

Aho Wabariza Amakuru

- Basile Uwimana, Umuyobozi ushinzwe Ihererekanyamakuru muri Minisiteri y'Ibidukikije kuri buwimana@environment.gov.rw cyangwa +250 788 722 870.
- Didace Ndamira, Umukozi ushinzwe Ihererekanyamakuru n'Abafatanyabikorwa mu Rwego Ngenzuramikorere mu Rwanda (RURA) kuri didace.ndamira@rura.rw cyangwa +250 783 702 127.